Rwanda Education Board

# Ibiyobyabwenge biragatabwa




Umwe mu mivugo yahize iyindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**

Umuvugo wo mu kiciro cya gatatu cyo gusoma
3



# MUMPE URUBUGA NSOME!

## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Ibiyobyabwenge biragatabwa





Umwe mu mivugo yahize iyindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**

IRADUKUNDA Fanny, yanditse iyi nkuru afite imyaka 12, yiga mu mwaka wa 1 w'amashuri yisumbuye, mu Rwunge rw'Amashuri rwa Cyahafi, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali. Uyu muvugo we, IBIYOBYABWENGE BIRAGATABWA ni umwe mu yahize iyindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.




Rubyiruko rwacu mbaraga zacu
Mucyo turwanye ibiyobyabwenge.



Ni bibi byica ubuzima bwacu
Ubyikururiye bimugira imbata.



Ubwo iterambere rikadindira
Ndetse n'ubukene bugatera.



Byonona ubwonko bwacu
Aho kwiga tugata ishuri.



Tukaba ibirara tugata ubwenge
Tugata isura tukaba ibicibwa.



Ubwo tukayoboka iyo mu muhanda
Ndetse abajura bakiyongera.



Ndabyanze rwose ibiyobyabwenge
Muze mwese tubihe akato.



Abarezi bacu baduhe inkunga
Tuvuge cyane ubwo bubi bwabyo.



Dutunge agatoki aho tubibonye,
Bicike mu bantu kuko si byiza.




Ni bibi rwose biragatabwa
Ni bibi rwose biragatsindwa.




Ni bibi rwose simbishaka
Ahari ubukire bitera ubukene.



Ahari amahoro bitera urugomo
Ababihisemo bagana uburoko.



Inama nziza rubyiruko mwese
Nimureke ibyo biza bibangiza.



Muyoboke ishuri ni ryo musingi
Ejo hazaza hazabe heza.

# Ibiyobyabwenge biragatabwa

Rubyiruko rwacu mbaraga zacu
Mucyo turwanye ibiyobyabwenge.
Ni bibi byica ubuzima bwacu
Ubyikururiye bimugira imbata.

Ubwo iterambere rikadindira
Ndetse n'ubukene bugatera.
Byonona ubwonko bwacu
Aho kwiga tugata ishuri.

Tukaba ibirara tugata ubwenge
Tugata isura tukaba ibicibwa.
Ubwo tukayoboka iyo mu muhanda
Ndetse abajura bakiyongera.

Ndabyanze rwose ibiyobyabwenge
Muze mwese tubihe akato.
Abarezi bacu baduhe inkunga
Tuvuge cyane ubwo bubi bwabyo.

Dutunge agatoki aho tubibonye,
Bicike mu bantu kuko si byiza.
Ni bibi rwose biragatabwa
Ni bibi rwose biragatsindwa.

Ni bibi rwose simbishaka
Ahari ubukire bitera ubukene.
Ahari amahoro bitera urugomo
Ababihisemo bagana uburoko.

Inama nziza rubyiruko mwese
Nimureke ibyo biza bibangiza
Muyoboke ishuri ni ryo musingi
Ejo hazaza hazabe heza.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA